IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'UMUNJYI WA KIGALI YATERANYE KU WA 29 KAMENA 2020

1. IRIBURIRO

Ku wa Mbere tariki ya 29 Kamena 2020, inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yarateraniye mu cyumba cy'inama cy'Umujyi wa Kigali guhera saa munani z'amanywa (14h00), iyoborwa n'Umuyobozi wayo w'agateganyo, Umujyanama Dr KAYIHURA Muganga Didas.

1.1 Abajyanama bitabiriye inama:

Umujyanama Dr KAYIHURA Muganga Didas
Umujyanama Dr NSABIMANA Ernest
Umujyanama MUHUTU Gilbert
Umujyanama MUSENGIMANA Gentille
Umujyanama MUTSINZI Antoine
Umujyanama UMUTONI Gatsinzi Nadine
Umujyanama BAGUMA Rose
Umujyanama RUBINGISA Pudence

1.2 Abajyanama batitabiriye inama bafite impamvu zumvikana

Umujyanama RUGEMANSHURO Regis
Umujyanama RUTERA Rose

2. INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA

2.1. Umushinga w'ingengo y'imari na gahunda y'ibikorwa by'Umujyi wa Kigali by'umwaka wa 2020-2021;

2.2. Umushinga w'ingengo y'imari na gahunda y'ibikorwa by'Umujyi wa Kigali by'umwaka wa 2020-2021

3. GUSUZUMA INGINGO KU YINDI

INGINGO YA MBERE: UMUSHINGA W'INGENGO Y'IMARI NA GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMUJYI WA KIGALI BY'UMWAKA WA 2020-2021

Inama yatangiye abayitabiriye batangarizwa ikigero ingengo y'imari y'Umujyi wa Kigali y'umwaka wa 2019-2020 yakoreshejwe kingana na 79% n'ibikorwa by'ingenzi byagezweho muri uwo mwaka. Abajyanama bamaze kugezwaho umushinga w'ingengo y'imari n'uw'ibikorwa by'Umujyi wa Kigali by'umwaka wa 2020-2021 wasesenguwe n'Amakomisiyo y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali bawunguranyeho ibitekerezo bafata imyanzuro ikurikira:

Umwanzuro 56/29.06.2020: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje gahunda y'ibikorwa by'Umujyi wa Kigali y'umwaka wa 2020-2021.

Byemejwe n'Abajyanama:08/08

Umwanzuro 57/29.06.2020: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje ingengo y'imari y'Umujyi wa Kigali y'umwaka wa 2020-2021 ingana na miliyari ijana, miliyoni ijana na cumi n'eshanu, ibihumbi magana atatu na mirongo itandatu n'atanu na magana ane na mirongo inani n'atanu (100,115,365,485Frw).

Byemejwe n'Abajyanama:08/08

INGINGO YA KABIRI: UMUSHINGA W'IBIPIMO FATIZO BY'IMISORO YISHYURWA KU BIBANZA N'AMAHORO MU MUJYI WA KIGALI

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali imaze kugezwaho umushinga w'ibipimo fatizo by'imisoro yishyurwa ku bibanza n'amahoro mu Mujyi wa Kigali, bizakoreshwa mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021 ishingiye ku Itegeko N°75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage,

ishingiye kandi ku Iteka rya Minisitiri No 001/20/10TC ryo ku wa 10/01/2020 rigena ibipimo fatizo n'ibindi bikurikizwa mu kugena umusoro wishyurwa ku bibanza, ishingiye na none ku Iteka rya Perezida No 25/01 ryo ku wa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze, yafashe imyanzuro ikurikira:

Umwanzuro 58/29.06.2020: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje ibice by'Umujyi wa Kigali bifatwa nk'Umujyi, ibifatwa nka santeri z'ubucuruzi n'ibifatwa nk'icyaro bizifashishwa mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021 nk'uko bigaragara ku mugereka wa mbere w'iyi nyandiko.

Byemejwe n'Abajyanama:08/08

Umwanzuro 59/29.06.2020: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje ibipimo fatizo by'umusoro wishyurwa kuri metero kare y'ubutaka mu Mujyi wa Kigali bizifashishwa mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021 nk'uko bigaragara ku mugereka wa kabiri (2) w'iyi nyandiko.

Byemejwe n'Abajyanama:08/08

Umwanzuro 60/29.06.2020: Inama Njyanama yemeje urutonde rw'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'Umujyi wa Kigali azishyurwa mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021 nk'uko ziri ku mugereka wa gatatu (3) w'iyi nyandiko.

Byemejwe n'Abajyanama:08/08

Inama Njyanama yatangiye imirimo yayo saa munani z'amanywa (02:00pm) iyisoza saa kumi n'ebyiri n'iminota makumyabiri z'umugoroba (06:20 pm)

Bikorewe i Kigali, ku wa 29/06/2020

Umwanditsi w'Inama:

BAGUMA Rose
Umwanditsi w'Inama Njyanama
Njyanama y'Umujyi wa Kigali

Umuyobozi w'Inama:

UMUJYI WA KIGALI - INAMA NJYANAMA

Dr KAYIHURA MUGANGA Didas
Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama
Njyanama y'Umujyi wa Kigali